# FAQS
# PENSION REFORMS

ENGLISH - KINYARWANDA - FRANÇAIS

## 01 WHY IS THE GOVERNMENT OF RWANDA IMPLEMENTING THIS PENSION REFORM?

The pension reform addresses several critical issues to ensure the long-term sustainability and adequacy of the system:

The contribution rate hasn't been reviewed since 1962, despite life expectancy in Rwanda increasing from **43 years** then to almost **70 years now.** This means pensions need to cover a much longer period.

Some current pension beneficiaries struggle with market prices due to inadequate benefits. The reforms aim to increase payouts, especially for lower earners.

By increasing contribution rates gradually and aligning the contribution base with the tax base, we're tackling long-standing issues to make the pension system more robust.

A stronger pension system can contribute to national savings and investment, supporting Rwanda's economic development goals.

These changes will help ensure the system can continue providing meaningful benefits for generations to come.

## 02 WHAT ARE THE MAIN CHANGES INTRODUCED BY THE PENSION REFORM?

The pension reform brings these key changes:

The contribution rate will increase from **6% to 12%** starting **January 2025**. This doubles the amount going into your pension fund.

To harmonize contributions with RRA taxable base, the pension contribution base will expand from the basic salary and housing allowance to the total gross salary, which will now include transport allowances.

The pension contribution base will align with the tax base. This simplifies administration and ensures contributions are based on total earnings.

Benefits for existing pension recipients will increase, focusing on the lowest earners. This helps address the adequacy of current pensions.

To ensure a smooth transition, an additional 2% increase will be implemented annually over the next four years starting January 2027, ultimately reaching 20% by 2030.

While contribution increases may seem challenging in the short term, they significantly boost your long-term retirement savings and financial security.

## 03 HOW WILL THE PENSION REFORM AFFECT MY TAKE-HOME SALARY?

In Rwanda, the mandatory pension scheme requires both employers and employees to contribute equally to the pension fund.

Currently, the total contribution rate is set at 6% of the employees' gross salary, with each contributing 3%.

Starting January 2025, pension contributions will be adjusted to ensure a more secure and sustainable future for all members. Contributions will increase to 12% of an employee's gross salary, with employers and employees sharing the responsibility equally at 6% each. Employers, however, have the flexibility to support their employees by covering the increased employee contribution. Where this is not possible, employees will take on the adjustment.

## 04 HOW WILL THIS REFORM BENEFIT RETIREES?

The reform promises significant improvements for retirees:

Current retirees will see an overall increase in pension benefits, particularly benefiting lower earners. This adjustment aims to address the cost-of-living challenges that many pensioners face.

Future retirees will benefit from the alignment of the contribution base with the tax base, positively affecting their future benefit calculations. This means your pension will be based on your full earnings, potentially leading to higher payouts.

The increased contributions will strengthen the overall financial health of the pensions ensuring its ability to pay benefits
well into the future.

By implementing these reforms now, Rwanda is taking proactive steps to avoid the pension crises faced by many countries with aging populations. This forward-thinking approach aims to provide better retirement security for all Rwandans.

## 05 WHAT DOES HARMONIZING THE CONTRIBUTION BASE WITH THE TAX BASE MEAN?

Harmonizing the contribution base with the tax base means:

Aligning the earnings considered for pension contributions with those used for tax calculations.

Eliminating speculation around transport allowances.

Ensuring a more equitable system and improving the adequacy of pension benefits.

This change simplifies administration and ensures that contributions are based on total earnings, potentially leading to higher pension payouts in the future.

## 07 WHAT IS PENSION AND HOW DO I BENEFIT FROM IT?

Pension is a social security program managed by the Rwanda Social Security Board (RSSB) designed to provide financial support to you and your family when you retire, become disabled, or pass away. It's an important safety net that offers several key benefits:

**Financial Security in Retirement:** You'll receive regular monthly payments when you're older, helping maintain your standard of living after you stop working.

**Disability Coverage:** If you become permanently disabled and unable to work, you'll still get financial support to cover your needs.

**Support for Family**: If you pass away, your spouse, children or parents will receive survivor benefits, ensuring your loved ones are taken care of.

**Early Retirement Option:** You can retire early with reduced benefits if medically necessary, providing flexibility if health issues arise.

By contributing now, you're investing in your future financial security and that of your family.

## 06 HOW DOES THIS REFORM CONTRIBUTE TO RWANDA'S BROADER SOCIAL AND ECONOMIC GOALS?

This reform contributes to Rwanda's goals in several ways:

It strengthens the social security system, providing better protection for citizens.

It promotes sustainable economic growth by increasing national savings.

It enhances social protection and reduces inequality by improving benefits for lower earners.

It improves the quality of life for all citizens by ensuring better retirement security

Additionally, RSSB invests in various economic sectors, contributing to job creation, affordable housing, and the country's socio-economic development..

## 08 HOW WILL THE PRIVATE SECTOR BENEFIT FROM THE PENSION REFORMS?

**SME Fund Launch:** Scheduled for Q2 2025, this Rwf 30 billion fund aims to enhance access to capital for small and medium-sized enterprises (SMEs), fostering innovation and promoting economic growth.

**Increased Liquidity in Capital Markets:** The reforms will directly channel additional funds into the capital markets, enabling more affordable lending and creating greater opportunities for businesses.

**Support for Research and Development:** RSSB plans to establish a dedicated R&D fund to support start-ups and innovative ventures, fostering a dynamic and thriving ecosystem for entrepreneurs.

## 09 WHAT'S THE CURRENT PENSION CONTRIBUTION RATE IN RWANDA?

In Rwanda, both you and your employer contribute to your pension:

- You contribute 3% of your gross salary.
- Your employer also contributes 3% of your gross salary.

This means a total of 6% of your salary goes into your pension fund each month.

**This rate has remained unchanged since 1962,** which is one of the reasons for the current reforms.

## 10 WHAT IS THE CURRENT PENSION COVERAGE IN RWANDA?

The pension scheme currently covers:

- 9% of the working-age population in the formal sector (nearly 800,000 members).

- Informal sectors workers are covered by EjoHeza with a growing number of 4.1 million members.

While this coverage is a good start, the reforms aim to strengthen and expand the system to provide better protection for all Rwandans.

## 11 HAS THE RSSB PENSION SCHEME EVER INCREASED PENSION BENEFITS PAID TO MEMBERS BEFORE?

Yes, pension benefits were revised in 2018:

- The lowest pension was increased from 5,200 Rwf to 13,000 Rwf.

- These increases depend on factors like the scheme's assets and the country's economy.

- 

The current reforms aim to build on this progress, ensuring that pension benefits remain adequate in the face of changing economic conditions.

Remember, these changes aim to strengthen the pension system and ensure better financial security for all Rwandans in retirement. While the increased contributions may seem challenging in the short term, they are crucial for building a more robust and sustainable pension system for the future.

## 12 HOW DOES RSSB PENSION SCHEME COMPARE TO THE NATIONAL GDP?

According to the National Bank of Rwanda:

- RSSB's pension fund represents 14.9% of financial sector assets and 10% of the national GDP.

- Some OECD countries have pension fund assets exceeding their national GDP, such as Australia (131%), Switzerland (138%), Netherlands (151%), and Iceland (176%).

This comparison shows the potential for growth in Rwanda's pension system, which could lead to increased national savings and investment.

## 01 KUKI LETA Y'U RWANDA IRI GUSHYIRA MU BIKORWA IMPINDUKA ZA PANSIYO?

Impinduka za pansiyo zaje gukemura bimwe mu bibazo biriho, kugira ngo haboneke uburyo bw'imikorere burambye ndetse bwizewe.

Igipimo cy'umusanzu nticyigeze gihinduka kuva mu 1962, n'ubwo icyizere cy'ubuzima ku Banyarwanda cyazamutse kikava ku **myaka 43**, ubu kikaba cyegereje **imyaka 70**. Ibi bivuze ko pansiyo isigaye itangwa mu gihe kiruta icyo yatangwagamo mbere.

Bamwe mu basanzwe bafata pansiyo bagorwa n'ibiciro biri ku isoko kubera amafaranga bakira adahagije. Izi mpinduka rero zigamije kongera amafaranga atangwa, cyane cyane ku b'amikoro make.

Hifashishijwe kongera gake gake igipimo cy'umusanzu utangwa, ndetse no kuwuhuza n'umusoro fatizo, turi gukemura bimwe mu bibazo bimaze igihe, mu rwego rwo kuvugurura no kongerera ubushobozi imikorere ya pansiyo.

Imikorere ya pansiyo ishyitse izafasha muri gahunda y'igihugu yo kwizigamira n'ishoramari, bityo hanashyigikirwe intego z'iterambere ry'ubukungu bw'igihugu.

Izi mpinduka rero zizafasha mu gukomeza gutanga pansiyo ihagije mu myaka izaza.

## 02 NI IZIHE NGINGO Z'INGENZI ZIGARAGARA MU MPINDUKA ZA PANSIYO?

Ingingo z'ingenzi zigize impinduka za pansiyo ni izi zikurikira:

Guhera **Mutarama 2025**, igipimo cy'umusanzu kizongerwa kivuye kuri **6% kigere kuri 12%**. Ibi bikaba bingana n'ubwikube kabiri bw'asanzwe ajya mu kigega cyawe cya pansiyo.

Kugira ngo hahuzwe imisanzu n'umusoro fatizo ugenwa n'Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro, RRA, igipimo cy'umusanzu fatizo kizajya gishyirwaho hagendewe ku mushahara mbumbe ukomatanyije n'amafaranga y'ingendo wemererwa, ibihabanye n'ibyari bisanzwe bigenderwaho ari byo umushahara ntahanwa ukomatanyije n'amafaranga y'imiturire wemererwa.

Umusanzu fatizo uzahuzwa n'umusoro fatizo. Ibi bizoroshya ingengo y'imisoro, ndetse bigafasha mu gushyiraho imisanzu ishingiye ku mushahara mbumbe.

Amafaranga ahabwa abamaze kugera mu zabukuru aziyongera, hibandwa ku b'amikoro make, ibigamije gukemura ikibazo gihari cya pansiyo idahagije.

Kugira ngo izi mpinduka zishyirweho bitabangamye, hazajya habaho izamuka rya 2% buri mwaka mu myaka ine izakurikira, uhereye Mutarama 2027, kugeza ubwo igipimo kizagera kuri 20% muri 2030.

## 03 IMPINDUKA ZA PANSIYO ZIZAHINDURA IKI KU MUSHAHARA NTAHANWA WANJYE?

Mu Rwanda, itegeko rigenga pansiyo risaba abakozi n'abakoresha gutanga umusanzu ku gipimo kingana.

Kuri ubu, igipimo rusange ni 6% k'umushahara mbumbe w'umukozi, aho we n'umukoresha batanga 3% buri umwe.

Guhera Mutarama 2025, hazaba impinduka mu mitangire y'imisanzu ya pansiyo kugira ngo ahazaza h'abanyamuryango hatekane. Igipimo cy'imisanzu kizagera kuri 12% y'umushahara mbumbe w'umukozi, kikazagabanywamo 2 hagati y'umukozi n'umukoresha, bombi batanga 6%. Umukoresha afite amahitamo yo gutangira abakozi be igipimo cy'umusanzu cyiyongereyeho. Ariko mu gihe bidakunze, abakozi bazajya bafata izi nshingano ziyongereho.

## 04 IMPINDUKA ZA PANSIYO ZIZAHINDURA IKI KU MUSHAHARA NTAHANWA WANJYE?

Impinduka kuri pansiyo zizanye inyungu nyinshi ku basanzwe mu zabukuru:

Abari mu zabukuru bazahabwa inyongera ifatika ku mafaranga ya pansiyo basanzwe babona, ibizagirira akamaro cyane ab'amikoro make. Ibi bigamije guhangana n'izamuka ry'ikiguzi cy'ubuzima abari mu zabukuru bahura nacyo.

Abazajya mu zabukuru mu gihe kizaza bazungukira mu ihuzwa ry'umusanzu fatizo n'umusoro fatizo, bityo ayo bazajya bahabwa mu zabukuru yiyongere. Ibi bivuze ko pansiyo uzajya uhabwa izajya ibarirwa ku mushahara mbumbe wawe, ibishobora kongera ayo uzajya uhabwa.

Inyongera ku misanzu izakomeza ubukungu rusange bwa pansiyo, ibizongera ubushobozi bwo kwishyura izabukuru neza ahazaza.

Mu gushyiraho izi mpinduka, u Rwanda ruri gufata iya mbere mu kwirinda ibibazo bya pansiyo bihurirwaho n'ibihugu byinshi bifite abaturage bageze mu zabukuru. Ubu buryo bugamije guha Abanyarwanda izabukuru zizewe kurushaho.

## 05 GUHUZA UMUSANZU FATIZO N'UMUSORO FATIZO BISOBANUYE IKI?

Guhuza umusanzu fatizo n'umusoro fatizo bisobanuye:

Kubangikanya imishihara igenderwaho mu gutanga imisanzu ya pansiyo n'igenderwaho mu gushyiraho imisoro.

Gukuraho urujijo ku bijyanye n'amafaranga y'ingendo

Gushyiraho uburyo budasumbanisha no gushyiraho itangwa rya pansiyo ihagije

Izi mpinduka zizoroshya ingengo y'imisoro, ndetse bigafasha mu gushyiraho imisanzu ishingiye ku mushahara mbumbe, ibishobora kongera ayo uzajya uhabwa.

## 07 PANSIYO NI IKI, ESE IMFITIYE IYIHE NYUNGU?

Pansiyo ni gahunda y'ubwizigame igenzurwa n'Urwego rw'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB), yashyiriweho gutanga ubufasha bw'amafaranga kuri wowe n'umuryango wawe mu gihe ugeze mu zabukuru, umugaye cyangwa se, ukitaba Imana. Ni ingabo ikomeye itanga inyungu zitandukanye zirimo:

**Amikoro ahagije mu zabukuru:** Mu gihe cy'ubusaza bwawe, uzajya uhabwa amafaranga buri kwezi, azagufasha kuguma mu buzima busanzwe nyuma y'akazi.

**Inyunganizi ku bumuga:** Mu gihe ugize ubumuga bwa burundu, bugatuma udashobora gukomeza gukora, ukomeza kunganirwa mu gukemura ibibazo byawe bya buri munsi.

**Ubufasha ku muryango**: Iyo witabye Imana, uwo mwashakanye, abana bawe cyangwa ababyeyi bahabwa amafaranga agenewe gutunga abo usize, ndetse bakitabwaho.

**Amahitamo yo gutangira izabukuru kare:** Ushobora gutangira izabukuru kare ariko ayo uhabwa akagabanywa mu gihe bibaye ngombwa kubw'impamvu z'ubuzima, ukoroherezwa.

Gutanga umusanzu ubu, ni ugushora mu mutekano w'amikoro yawe ndetse n'ay'umuryango wawe mu gihe kizaza.

## 06 ESE NI GUTE IZI MPINDUKA ZIZAFASHA U RWANDA KUGERA KU NTEGO ZIRAMBYE MU MIBEREHO N'UBUKUNGU?

Izi mpinduka zizafasha u Rwanda kugera ku ntego zarwo mu buryo butandukanye:

Zizongera ubushobozi bw'imikorere y'ubwiteganyirize, kugira ngo abaturage batekane kurushaho.

Zizazamura iterambere rirambye ry'ubukungu hongerwa ubwiteganyirize bw'igihugu muri rusange.

Zizongera ireme ry'imibereho myiza, zinagabanya ubusumbane binyuze mu kongera pansiyo ihabwa abakozi binjiza make.

Zizateza imbere imibereho myiza y'abaturage bose, hashyirwaho izabukuru ritekanye

Icyiyongera kuri ibyo, RSSB ikora ishoramari mu nzego z'ubukungu zitandukanye, hakabaho guhanga akazi, imiturire ihendutse, ndetse n'iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza by'igihugu muri rusange.

## 08 ESE URUGAGA RW'ABIKORERA RUZAKURA IZIHE NYUNGU MURI IZI MPINDUKA

**Itangizwa ry'ikigega cya SME:** Iki kigega cy'agera kuri miliyari 30 Frw giteganyijwe gutangizwa mu gihembwe cya Kabiri cya 2025, kikaba cyitezweho kugurura amarembo ku gishoro ku bucuruzi buto n'ubuciriritse (SMEs), ibizongera udushya n'izamuka ry'ubukungu.

**Inyongera mu ishoramari ku isoko ry'imari n'imigabane:** Izi mpinduka zizatuma habaho gushora mu isoko ry'imari n'imigabane, bityo hatangwe inguzanyo ku nyungu nkeya ndetse n'amahirwe yisumbuyeho ku bucuruzi.

**Inkunga mu kongera ubushobozi bw'ubushakashatsi n'iterambere:** RSSB irateganya gushyiraho ikigega kigenewe ubushakashatsi n'iterambere (R&D), mu rwego rwo gufasha imishinga mito n'iy'udushya, ibizaha urubuga ndetse bikanashyira igorora ba rwiyemezamirimo.

## 09 NI IKIHE GIPIMO CY'UMUSANZU GISANZWE GITANGWA MU RWANDA?

Mu Rwanda, wowe n'umukoresha wawe mufatanya gutanga umusanzu wa pansiyo yawe.

- Utanga 3% ku mushahara mbumbe wawe.
- Umukoresha wawe nawe agatanga 3% ku mushahara mbumbe wawe

Ibi bivuze ko igiteranyo cya 6% cy'umushahara wawe gishyirwa mu kigega cya pansiyo yawe buri kwezi.

Iki gipimo ntabwo cyigeze gihinduka kuva mu 1962, bikaba imwe mu mpamvu y'izi mpinduka.

## 10 NI BA NDE BAREBWA NA PANSIYO MU RWANDA?

Gahunda ya pansiyo ireba

- 9% by'abaturage bari mu kazi ko mu biro (Abagera ku 800,000)

- Abari mu yindi myuga bo, baba muri gahunda ya EjoHeza, ifite umubare w'abanyamuryango bagera kuri miliyoni 4.1 ndetse bacyiyongera

N'ubwo abamaze kugera muri iyi gahunda ari intangiriro nziza, impinduka zigamije gukomeza no kongera ubushobozi bwa gahunda ya pansiyo mu rwego rwo kugeza uyu mutekano ku Banyarwanda bose.

## 11 ESE GAHUNDA YA RSSB Y'UBWITEGANYIRIZE YIGEZE YONGERA PANSIYO IHABWA ABANYAMURYANGO MBERE?

Yego, gahunda ya pansiyo yaravuguruwe mu 2018

- Pansiyo nto kurusha izindi yavanywe ku 5,200 RWF igezwa ku 13,000 RWF

- Izi nyongera zishingira ku bintu birimo umutungo ugezweho muri gahunda, n'ubukungu bw'igihugu.

- Impinduka zije ubu zigamije kubakira kuri iri terambere, kugira ngo amafaranga ya pansiyo ahuzwe n'aho ubukungu bugeze.

Icyitonderwa, izi mpinduka zigamije gukomeza uburyo busanzweho bwa pansiyo ndetse no kugeza umutekano w'amikoro ku Banyarwanda bose bari mu zabukuru. N'ubwo imisanzu yiyongereye ishobora gusa n'igoranye mu gihe gito, ni ingenzi cyane mu kubaka uburyo bushyitse kandi burambye bwa pansiyo mu gihe kizaza.

## 12 GAHUNDA Y'UBWITEGANYIRIZE YA RSSB IHURA GUTE N'UBUKUNGU BW'IGIHUGU (GDP)?

Nk'uko Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) ibitangaza:

- Ikigega cya pansiyo cya RSSB gifite uruhare rwa 14.9% by'umutungo w'urwego rw'ubukungu ndetse n' 10% by'ubukungu bw'igihugu muri rusange

- Bimwe mu bihugu bigize Umuryango w'Ubufatanye mu Bukungu, bifite ibigega bya pansiyo bifite umutungo urenze kure ubukungu bw'ibyo bihugu, birimo nka Australia (131%), Switzerland (138%), Netherlands (151%), and Iceland (176%).

Iki kigereranyo kigaragaza ubushobozi bw'iterambere gahunda ya pansiyo ifite mu Rwanda, bushobora ndetse kongera ubwiteganyirize n'ishoramari mu gihugu.

## 01 POURQUOI LE GOUVERNEMENT DU RWANDA MET-IL EN ŒUVRE CETTE RÉFORME DES PENSIONS ?

La réforme des pensions répond à plusieurs problèmes critiques pour garantir la durabilité à long terme et l'adéquation du système :

Le taux de cotisation n'a pas été révisé depuis 1962, alors que l'espérance de vie au Rwanda est passée de **43 ans** à près de **70 ans.** Cela veut dire que les pensions doivent couvrir une période beaucoup plus longue.

Certains bénéficiaires actuels ont des difficultés à faire face aux prix du marché en raison de prestations insuffisantes. Les réformes visent à augmenter les paiements, en particulier pour ceux avec les plus faibles des revenus.

En augmentant progressivement les taux de cotisation et en alignant l'assiette de cotisation sur la base fiscale, nous abordons des problèmes de longue date pour rendre le système de retraite plus solide.

Un système de pension renforcé peut contribuer à l'épargne nationale et à l'investissement, soutenant ainsi les objectifs de développement économique du Rwanda.

Ces changements aideront à garantir que le système continue de fournir des prestations significatives pour les générations futures.

## 02 QUELS SONT LES PRINCIPAUX CHANGEMENTS INTRODUITS PAR LA RÉFORME DES PENSIONS ?

La réforme des pensions apporte les changements clés suivants :

Le taux de cotisation passera de **6 % à 12 %** à partir de janvier 2025, doublant ainsi les montants versés à votre fonds de pension.

Pour harmoniser les contributions avec la base fiscale de la RRA, la base de calcul des cotisations de retraite s'élargira, passant du salaire de base et de l'indemnité de logement, au salaire brut total, qui inclura désormais les indemnités de transport.

L'assiette des cotisations sera alignée sur la base fiscale, simplifiant l'administration et garantissant que les contributions reposent sur l'ensemble des revenus.

Les prestations pour les bénéficiaires actuels augmenteront, avec une attention particulière aux revenus les plus bas, pour améliorer l'adéquation des pensions.

Une augmentation supplémentaire de 2 % par an sera mise en œuvre sur les quatre années suivant janvier 2027, atteignant finalement 20 % d'ici 2030.

Bien que l'augmentation des contributions puisse sembler difficile à court terme, elle renforce considérablement votre épargne et sécurité financière à long terme.

## 03 COMMENT LA RÉFORME DES PENSIONS AFFECTERA-T-ELLE MON SALAIRE NET ?

Au Rwanda, le régime de retraite obligatoire exige une contribution égale des employeurs et des employés.

Actuellement, le taux de cotisation total est fixé à 6 % du salaire brut, avec 3 % payés par chaque partie.

À partir de janvier 2025, les cotisations passeront à 12 % du salaire brut, réparties également entre employeurs et employés (6 % chacun). Les employeurs auront la flexibilité de prendre en charge l'augmentation de la part des employés. Lorsque cela n'est pas possible, les employés devront assumer l'ajustement.

## 04 COMMENT CETTE RÉFORME BÉNÉFICIERA-T-ELLE AUX RETRAITÉS?

La réforme promet des améliorations significatives pour les retraités :

Les retraités actuels verront une augmentation globale des prestations, notamment en faveur des revenus les plus bas, afin de répondre aux défis du coût de la vie.

Les futurs retraités bénéficieront de l'alignement de l'assiette des cotisations sur la base fiscale, ce qui pourrait entraîner des prestations plus élevées grâce à des calculs basés sur l'ensemble des revenus.

L'augmentation des cotisations renforcera la santé financière globale du système, garantissant sa capacité à payer des prestations à long terme.

En prenant ces mesures maintenant, le Rwanda évite les crises de retraite rencontrées par de nombreux pays avec des populations vieillissantes, tout en assurant une sécurité accrue pour tous les rwandais.

## 05 QUE SIGNIFIE L'HARMONISATION DE L'ASSIETTE DE COTISATION AVEC LA BASE FISCALE ?

Harmoniser l'assiette de cotisation avec la base fiscale signifie :

Aligner les revenus pris en compte pour les cotisations de retraite sur ceux utilisés pour les calculs fiscaux.
Éliminer les spéculations autour des indemnités de transport.

Assurer un système plus équitable et améliorer l'adéquation des prestations.

Simplifier l'administration tout en garantissant que les cotisations reposent sur des revenus totaux, ce qui peut entraîner des paiements de pension plus élevés.

## 07 QU'EST-CE QUE LA PENSION ET COMMENT EN BÉNÉFICIER ?

La pension est un programme de sécurité sociale géré par la Rwanda Social Security Board (RSSB) destiné à fournir un soutien financier à vous et à votre famille lorsque vous prenez votre retraite, devenez invalide ou décédez. C'est un filet de sécurité important qui offre plusieurs avantages clés :

**Sécurité financière à la retraite:** Vous recevrez des paiements mensuels réguliers lorsque vous vieillirez, ce qui vous aidera à maintenir votre niveau de vie après la fin de votre activité professionnelle.

**Couverture en cas d'invalidité:** Si vous devenez invalide de manière permanente et que vous ne pouvez plus travailler, vous recevrez toujours un soutien financier pour couvrir vos besoins.

**Soutien à votre famille:** En cas de décès, votre conjoint, vos enfants ou vos parents percevront des prestations de survivant, garantissant ainsi que vos proches sont pris en charge.

**Option de retraite anticipée:** Vous pouvez prendre votre retraite plus tôt avec des prestations réduites si nécessaire pour des raisons médicales, offrant ainsi de la flexibilité en cas de problèmes de santé.

En cotisant dès maintenant, vous investissez dans votre sécurité financière future et celle de votre famille.

## 06 COMMENT CETTE RÉFORME CONTRIBUE-T-ELLE AUX OBJECTIFS SOCIAUX ET ÉCONOMIQUES DU RWANDA ?

La réforme contribue aux objectifs du Rwanda de plusieurs façons :

Elle renforce le système de sécurité sociale, offrant une meilleure protection aux citoyens.

Elle favorise une croissance économique durable grâce à une augmentation de l'épargne nationale.

Elle réduit les inégalités en améliorant les prestations pour les revenus les plus bas.

Elle améliore la qualité de vie des citoyens en assurant une meilleure sécurité à la retraite.

Les investissements de la RSSB dans divers secteurs économiques contribuent à la création d'emplois, au logement abordable et au développement socio-économique du pays.

## 08 COMMENT LE SECTEUR PRIVÉ BÉNÉFICIERA-T-IL DES RÉFORMES DES RETRAITES ?

**Lancement du Fonds PME :** Prévu pour le 2e trimestre 2025, ce fonds de 30 milliards de Rwf vise à améliorer l'accès au capital pour les petites et moyennes entreprises (PME), stimulant l'innovation et favorisant la croissance économique.

**Augmentation de la Liquidité sur les Marchés de Capitaux :** Les réformes canaliseront directement des fonds supplémentaires vers les marchés de capitaux, permettant des prêts plus abordables et créant davantage d'opportunités pour les entreprises.

**Soutien à la Recherche et au Développement :** La RSSB prévoit de créer un fonds dédié à la R&D pour soutenir les start-ups et les projets innovants, favorisant un écosystème dynamique et prospère pour les entrepreneurs.

## 09 QUEL EST LE TAUX ACTUEL DE COTISATION DES PENSIONS AU RWANDA ?

Au Rwanda, tant vous que votre employeur contribuez à votre pension :

- Vous contribuez à hauteur de 3 % de votre salaire brut.
- Votre employeur contribue également à hauteur de 3 % de votre salaire brut.

Cela signifie qu'un total de 6 % de votre salaire est versé chaque mois dans votre fonds de pension.

**Ce taux est resté inchangé depuis 1962,** ce qui est l'une des raisons de la réforme actuelle.

## 10 QUEL EST LE TAUX ACTUEL DE COUVERTURE DES PENSIONS AU RWANDA ?

Le régime de retraite couvre actuellement :

- 9 % de la population en âge de travailler dans le secteur formel (près de 800 000 membres).
- Les travailleurs du secteur informel sont couverts par EjoHeza, qui compte un nombre croissant de 4,1 millions de membres.

Bien que cette couverture soit un bon début, les réformes visent à renforcer et élargir le système pour offrir une meilleure protection à tous les Rwandais.

## 11 LE RÉGIME DE PENSION RSSB A-T-IL DÉJÀ AUGMENTÉ LES PRESTATIONS DE PENSION VERSÉES AUX MEMBRES PAR LE PASSÉ ?

Oui, les prestations de pension ont été révisées en 2018 :

- La pension la plus basse a été augmentée de 5 200 Rwf à 13 000 Rwf.
- Ces augmentations dépendent de facteurs tels que les actifs du régime et l'économie du pays.
- Les réformes actuelles visent à capitaliser sur ces progrès et à garantir que les prestations de pension restent adéquates face aux conditions économiques changeantes.

Rappelez-vous que ces changements visent à renforcer le système de pension et à garantir une meilleure sécurité financière pour tous les Rwandais à la retraite. Bien que les augmentations de cotisations puissent sembler difficiles à court terme, elles sont cruciales pour construire un système de pension plus solide et durable pour l'avenir.

## 12 COMMENT LE RÉGIME DE PENSION RSSB SE COMPARE-T-IL AU PIB NATIONAL ?

Selon la Banque Nationale du Rwanda :

- Le fonds de pension de la RSSB représente 14,9 % des actifs du secteur financier et 10 % du PIB national.
- Certains pays de l'OCDE ont des actifs de fonds de pension qui dépassent leur PIB national, tels que L' Australie (131 %), La Suisse (138 %), Le Pays-Bas (151 %) et L' Islande (176 %).

Cette comparaison met en évidence le potentiel de croissance du système de pension au Rwanda, qui pourrait conduire à une augmentation de l'épargne nationale et des investissements.